Kigali, kuwa 28 Ukwakira 2020

Imvura iteganyijwe mu Ugushyingo 2020

Mu kwezi ku Ugushyingo 2020, mu Rwanda hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 100 na 300. Ahenshi mu gihugu, iyi mvura izaba iri hejuru gato yimpuzandego y'imvura isanzwe igwa mu kwezi k'Ugushyingo; ikazaterwa ahanini n'ubuhehere bw'umwuka n'isangano ry'imiyaga byiganje mu karere u Rwanda ruherereyemo.

Dore uko imvura iteganyijwe mu bice bitandukanye by'igihugu:

Imvura iri hagati ya milimetero 100 na 130 iteganyijwe mu majyaruguru y'Intara y'Iburasirazuba mu gice cy'iburasirazuba bw'Akarere ka Nyagatare, Gatsibo ndetse n'aka Kayonza. Ikaba kandi iteganyijwe mu burengerazuba bw'Akarere ka Gatsibo, mu majyepfo y'Akarere ka Gicumbi, mu gice kinini cy'Akarere ka Huye ndetse n'aka Gisagara.

Imvura iri hagati ya milimetero 130 na 160 iteganyijwe mu mujyi wa Kigali, ahandi hasigaye mu karere ka Gatsibo, igice kinini cy'uburasirazuba bwa Kayonza ndetse na Kirehe, uburengerazuba bwa Rwamagana na Nyagatare, agace gato ka Ngoma gahana imbibi na Bugesera, uburasirazuba bwa Nyamagabe, Nyaruguru na Gisagara ndetse ikaba iteganyijwe mu karere kose ka Nyanza.

Imvura iri hagati ya milimetero 160 na 190 iteganyijwe mu bice byinshi by'Uturere twa Kirehe, Ngoma, Bugesera, Ruhango, Ngororero, Rubavu na Gakenke. Iteganyijwe kandi mu majyaruguru y'Uturere twa Rulindo, Gicumbi na Nyamagabe ndetse no mugice cyo hagati cy'Akarere ka Kamonyi, mu burengerazuba bwa Rusizi na Nyagatare.

Imvura iri hagati ya milimetero 190 na 210 iteganyijwe mu majyepfo y'Uturere twa Kirehe, Ngororero na Muhanga, mu burengerazuba bwa Kamonyi, mu burasirazuba bwa Karongi ndetse no mujyaruguru ya Rutsiro na Gakenke.

Imvura iri hagati ya milimetero 210 na 240 iteganyijwe mu majyepfo y'Uturere twa Musanze, Burera na Rutsiro, agace ko hagati ka Rusizi ndetse n'igice kinini cy'Akarere ka Karongi n'igice cy'ishyamba rya Nyungwe mu turere twa Nyamagabe na Nyaruguru.

Imvura iri hagati ya milimetero 240 na 300 iteganyijwe mu karere ka Nyamasheke, igice kinini cy'Akarere ka Rusizi ahegereye Nyungwe, amajyepfo y'Akarere ka Nyaruguru ahegereye naho Nyungwe, mu burengerazuba bwa Karongi ndetse n'igice kinini cy'Amajyaruguru y'Uturere twa Burera na Musanze.